**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 1, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA MBERE Mutarama (1-10) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Mutarama, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Mutarama 2020 kuva tariki ya 1 kugeza tariki ya 10, ahenshi mu gihugu habonetse imvura ihagije ariko ibice byinshi by' intara y'Iburasirazuba n'iy'Amajyaruguru ndetse no mu bice bimwe na bimwe by'intara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba imvura yabaye nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagawa naho ahandi hasigaye imvura yabaye nke ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri aya matariki. Imvura nyinshi yabonetse ku bupimiro bwa Ngoma aho hapimwe milimetero 48.6, Gicumbi 44.8mm, Karongi 43.1mm, Kawangire 30.6 na Nyagatare 28.3mm. Imvura nke cyane yapimwe ku bupimiro bwa Rubavu (9.3mm), Musanze(19.0mm) na Nyamagabe(19.7mm).


Ibipimo by'ubushyuhe ntibyahindutse cyane; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 30.4°C mu Bugarama na 20.0°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi kiri hagati ya dogere Selisiyusi 11.2°C ku bupimiro bwa Busogo na 19.1°C ku bupimiro bwa Bugarama.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2019.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya mbere cya Mutarama 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 48.6 na milimetero 9.3. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Ngoma 48.6mm, ahandi haguye imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Gicumbi 44.8mm, Karongi 43.1mm, Kawangire 30.6mm na Nyagatare 28.3mm hapimwe imvura iri hagati ya milimetero 30mm na 20mm, iri munsi ya milimetero 10 yapimiwe ku bupimiro bwa Rubavu.





*Ikarita1: Ingano y'Imvura yapimwe muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama.

Ubusanzwe mu gice cya mbere cya Mutarama (tariki 1-10), mu Rwanda tugusha imvura iri hagati ya milimetero 50.7 (mu Majyepfo) na 2.1 (mu Burasirazuba); bivuze ko imvura yabaye nyinshi mu ntara y'Iburasirazubanaho mu mu ntara y'Amajyepfo ikagabanuka. Ku bupimiro bwa Ngoma, Gicumbi, Karongi, Kawangire na Nyagatare, habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa.





*Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Mutarama*

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo


Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo mu gice cya mbere mu kwezi kwa Mutarama 2020. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi ine n'iminsi umunani (4-8) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yabonetse hagati y'iminsi 5 n'iminsi 6.

Iminsi mike yabaye 4 ku bupimiro bwa Busogo naho iminsi myinshi igeze ku 8 yabonetse ku bupimiro bwa Nyamagabe naho Ngoma, Gitega, Karongi na Rusizi iminsi igera ku 7.




*Ikarita 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

**1.4.Ubuhehere bw'Ubutaka**




*Ikarita 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama 2020 bwari bwiza ariko intara y'Iburasirazuba ikaba ariyo yari ihehereye kurusha ahandi bitewe n'uko ariyo yabonye imvura nyinshi.

## 2.0. Uko igipimo cy'ubushyuhe bwapimwe

Aha turareba muri rusanga igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5; ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru byari hagati ya dogere Selisiyus 30.4 °C mu Bugarama na 20.0°C i Gicumbi naho ibipimo by'ubushyuhe bwo hasi byari hagati ya dogere Selisiyusi 11.2°C ku bupimiro bwa Busogo na 19.1°C ku bupimiro bwa Bugarama.




*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.9 (Musanze) na Dogere Selisiyusi 18.1 (Bugarama). Amajyaruguru niyo yakonje cyane akurikirwa n'Amajyepfo.




*Ikarito ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi ikurikiye (tariki 11-20 Mutarama 2020)

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya mbere cya Mutarama, hateganyijwe ko imvura izakomeza kugwa no mu gice cya Kabiri bitewe nuko dukomeje kugira imiyaga ihehereye ituruka mu Nyanja y'Abahinde ndetse no mu ishyamba rya Congo. Ahateganyijwe kuzagwa imvura nyinshi kurusha ahandi ni mu ntara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba ndetse no mu majyepfo y'intara y'Iburasirazuba.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko duteganya imvura mu gice cya kabiri muri Mutarama 2020 (tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa kwegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'isarura ndetse n'indi mirimo irebana n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.